**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA (RLMUA)**
**URWEGO RW'UMUBITSI W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA**
**P.O. Box: 433 Kigali**

# ITANGAZO

Mu rwego rwo gukomeza koroshya ishoramari mu Rwanda, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'ubutaka mu Rwanda aributsa abantu bose bifuza gukora ihererekanya ku mutungo utimukanwa ufite ibyangombwa by'ubutaka bwagenewe ubucuruzi n'inganda ko iryo hererekanya rikorwa **mu munsi umwe gusa** hose mu Gihugu.

Uwifuza gukora iryo hererekanya asabwa ibi bikurikira:

- Kuzuza inyandiko y'ihererekanya ry'umutungo w'ubutaka iri ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo Gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda (www.rlma.rw) ndetse no ku biro by' Umubitsi w'Impampamo z'ubutaka kuri buri zone.
- Inyandiko igaragaza aho yishyuriye amafaranga y'ihererekanya ry'ubutaka angana n'ibihumbi mirongo itatu (30,000FRW) kuri konti y'Akarere ubutaka buherereyemo.
- Ibyangombwa by'umwimerere by'ubutaka bw'ubucuruzi cyangwa inganda.
- Kopi z'ibiranga abahererekanya (uwaguze n'uwagurishije).

Iyi gahunda izajya ikorerwa mu biro by'ifasi y'Umubitsi w'Impampamo z'ubutaka biherereye mu Turere twa **Kayonza, Musanze, Nyanza, Karongi, mu Mujyi wa Kigali biherereye muri Basement 2 mu igorofa NYARUGENGE PENSION PLAZA iri inyuma ya Station Sopetrad ku muhanda KN 3 Av**. Kwakira abakora ihererekanya bikorwa mu gitondo, bagahabwa ibyangombwa byabo uwo munsi

Bikorewe i Kigali ku wa 23/03/2018

**Espérance MUKAMANA**
**Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'ubutaka/**
**Umuyobozi Mukuru wa RLMUA**